**TUMENYE BIBILIA**

**IKIGANIRO NO 0035**

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y'Imana nabane nawe. kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Ubushize nakuganirije ki gice cya 27 cy'Itangiriro nkubwira uburyo Yakobo yariganije mukuru we Esawu maze akamutwara umugisha! Ibi rero ntabwo byari byoroheye Yakobo kuko mukuru we Esawu, amaze kubimenya, yagerageje uburyo bwose ngo yice murumuna we, maze Yakobo afata icyemezo cyo guhunga mukuru we.

Uyu munsi rero ndashaka kukubwira ibyakurikiyeho nyuma yo guhunga kwa Yakobo. ndza kukubwira ukuntu; Imana yiyeretse Yakobo i Beteli, nkubwire n'uburyo Yakobo yagiranye isezerano n'Imana. Ngaho komeza ufashwe mu izina rya Yesu!

Mu bice bitangira twabonye Yakobo yiba umugisha wa mukuru we. Yabikoze abifashijwemo na nyina. Wari uzi yuko rimwe na rimwe umuntu akora ibibi akitwaza amateka mabi, ngo akiri muto yagize nyina utaramukundaga. Ni ukuri ntakubeshye,Yakobo ntabwo yari kuvuga gutyo kuko yaratoneshejwe cyane ariko nyina aramushuka ubwo yamubwiraga gukora ibidakwiye. Yakobo yumviye inama mbi ya nyina akora inabi yiba umugisha w'umuvandimwe.

Mu bisanzwe uyu mugisha wagombaga kuba uwa Yakobo kuko Imana ariko yari yavuze. Navuga ko Isaka, se wa Esawu na Yakobo yatanze umugisha abikora nk'umuhango ariko ni ko byagombaga kugenda. Uyu mugisha wagombaga kuba uwa Yakobo. Aburahamu ntiyigeze aha umugisha Isaka. Ni Imana yabikoze! Kandi ni Imana yawuhaye na Yakobo.

Gahunda ya Rebeka yatekerejeho ni y'ukuri kandi irumvikana. Ibyo yakoze bishobora kuba byari ibintu bikenewe muri ako kanya. Ntiyigeze abwira umugabo we Isaka ko impamvu yatumye Yakobo ajya kwa musaza ari ukugira ngo ahunge uburakari bwa mukuru we Esawu. Icyo yavuze gusa ni uko yashakaga ko Yakobo atoranya umugore uturutse mu muryango w'iwabo

Muri iki gice turaza kubona Yakobo ajya i Beteli; maze Imana ikamwiyereka, ikamusezeranya isezerano yasezeraniye Aburahamu.

**Isaka ahamagara Yakobo amuhesha umugisha, aramwihanangiriza ati ntuzarongore umunyakananikazi (Itangiriro 28:1).**

Imirongo myinshi yo mu Isezerano rya Kera, tubona ko Imana itigeze ishaka ko abantu bayo barongora abapagani. Ni cyo cyatumye mu gice cya gatandatu cy'Itangiriro, bavuga ngo "abahungu bitirirwa izina ry'Imana barebye mu bakobwa b'abantu basanzwe". Bisobanura ko ubwoko bw'Imana bwarongoye ubwoko bw'abapagani baturaga i Kanani. Amaherezo y'ibi ni uko habaye ingaruka Imana igahana abantu ikoresheje umwuzure hagasigara umuntu w'Imana umwe gusa.

Iyo abantu bashakanye badakomoka mu gihugu kimwe, badahuje imico n’imyizerere kenshi bibyara ubupagani. Ibi mbivuze nko kubaburira. Ndabizi neza ko muri ibi bihe tugezemo abakiri bato batagishaka kumva impanuro z'abakuru. Ntibemera neza ko ibyo avuga hari icyo yaba abiziho. Inkumi cyangwa umusore barakubwira ngo twabonye umuntu nyawe twifuza ko twakubakana. Kandi ugasanga uwo muntu bagiye kubakana atari umukristu. Hanyuma ngo bakeneye kubakana n'uwo muntu ngo nibamara kubana ngo bazamuhindura akizwe amenye Imana. Reka nkubwire wa mukobwa we  cyangwa wa musore we, nimba udashobora kumugeza ku gakiza imbere yuko mwubakana, ntuzanabishobora mumaze kubana. Imana ibuza abakijijwe kurongorana n'abadakijijwe. Gushakana n’umuntu udakijijwe buri gihe bitera ibibazo, umuryango ugahoramo umwiryane n’agahinda. Niboneye neza neza ingero nyinshi kandi ndakubwiza ukuri ko nta na hamwe nigeze mbona byabaye byiza. Ntibizigera bibaho, ntushobora guhinyuza Imana, yo Yabyivugiye mu magambo yayo adashidikanywaho, ko abantu bakijijwe badakwiye kurongorana n'abadakijijwe.

"Ntimwifatanye n'abatizera mudahwanye. Mbese gukiranuka no gukiranirwa byafatanya bite? Cyangwa umucyo n'umwijima byabana bite?" (2 Abakorinto 6:14). Isezerano rishya ryihanangiriza rwose abizera ko badakwiye kwivanga n’abatizera. Ukwivanga ntibisobanura kwicarana hamwe n'abatizera, nkuko bamwe bakunda kubivuga, ahubwo wivanga iyo urongoranye n'abatizera, kandi Imana irabitubuza yihanukiriye.

**Haguruka ujye i Padanaramu kwa Betuweli sogokuru, usabeyo umugeni mu bakobwa ba Labani nyokorome.**

**Kandi Imana ishobora byose iguhe umugisha, ikororotse ikugwize ube iteraniro ry'amahanga;**

**Kandi wowe n'urubyaro rwawe narwo ibahe umugisha yahaye Aburahamu, kugira ngo uragwe igihugu cy'ubusuhuke bwawe, icyo Imana yahaye Aburahamu [Itangiriro 28:2-4].**

Birumvikana rero ko Isaka yari abizi neza ko Imana yahaye umugisha Aburahamu, kandi ko uyu mugisha wa se Aburahamu Imana yawimuriye kuri we, ndetse ko uyu mugisha ugomba no gukomeza ukaba ku muhungu we Yakobo.

**Isaka yohereza Yakobo aragenda ajya i Padanaramu kwa Labani mwene Betuweli Umwaramu, musaza wa Rebeka, nyina wa Yakobo na Esawu [Itangiriro 28:5].**

Dushobora kuvuga ko ubwoko bw’uyu muryango, bari Abasiriya, kuko niko bitwa mu Ijambo ry'Imana. Rimwe na rimwe abantu bakunda kwibaza iki kibazo bati; "Aburahamu yari umuyuda? Yari umwisraheli?" Oya, ushishoje neza ntabwo yari umuyuda. Nta bisirayeli babagaho kugeza mu gihe cya Yakobo ubwo Imana yahinduraga izina rye ikamwita Isirayeli. Abahungu be cumi na babiri bari Abisirayeli. Urwo ruhererekane rw’umuryango w’Abisiraheli rwatangiriye kuri Aburahamu, niwe sekuruza w’ubwo bwoko, ariko nizeye ko utavuga ngo Aburahamu ni umu midiyani, n’ubwo ari we se w’aba Midiyani nanone.

**Kandi Esawu abonye yuko Isaka yahesheje Yakobo umugisha akamwohereza i Padanaramu gusabayo umugeni, kandi ko yamwihanangirije akimuhesha umugisha ati"Ntuzarongore umunyakananikazi"**

**Kandi ko Yakobo yumviye se na nyina, akajya i Padanaramu**

**Esawu abona yuko abanyakananikazi batanezeza se Isaka**

**Ajya kwa Ishimayeli, asabayo Mahalati umukobwa wa Ishimayeli na Aburahamu, mushiki wa Nebayoti, amuharika babagore afite. [Itangiriro 28:6-9]**

Ubu rero umuntu ashobora kutumva neza icyo nashatse kuvuga igihe navugaga ko turangije uruhererkane rw'umuryango wa Ishimayeli. Reka nongere mbisubiremo neza ko Bibiliya itagendera kuri urwo ruhererekane rw'umuryango wa Ishmayeli. Impamvu uruhererekane rw'umuryango wa Ishmayeli rugaruka, ni ukubera yuko hari aho ruhurira n'uruhererekane rw'umuryango ukomokamo Kristo. Hano rero turabona Esawu ajya kurongora umukobwa wa Ishimayeli. Yibwiraga ko bishobora kugwa neza se. Urabona uburyo umuntu abura ubushishozi buva ku Mwuka wera. Abanyeshimayeli nabo bari baravume cyo kimwe n'Abanyakanani cyangwa Abafirisitiya.

## IMANA YIYEREKA YAKOBO I BETELI

**Yakobo ava i Berisheba agenda yerekeje i Harani.**

**Agera ahantu araharara buracya, kuko izuba ryari rirenze. Yenda ibuye mu mabuye y'aho araryisegura, aryamaho arasinzira [Itangiriro 28:10-11]**

Aho hantu yagiye, nkuko tuza kubibona mu kanya kari i mbere, hitwa Beteli, bisobanurwa ngo "Inzu y'Imana". Beteli ni nko ku birometero cumi na bibiri ujya mu majyaruguru ya Yerusalemu. Urugo Yakobo yari avuyemo rwari nko ku birometero makumyabiri na bitanu cyangwa mirongo itatu; urwo rugo yari avuyemo kandi rwari ruherereye mu mujyepfo ya Yerusalemu. Ibi bisobanura ko Yakobo yagenze byibuza ibirometero mirongo ine kuri uwo munsi wa mbere. Urumva ko yariho agerageza kujya kure ya Esawu. Yashakaga kujya kure ye hashoboka, ariko uko yajyaga kure ya Esawu, ni nako yajyaga kure y' imuhira.

Utekereza ko yari amerewe gute iryo joro? Nibyo, yagize irungu cyane, ibyo ni ukuri. Ashobora kuba yari akumbuye iwabo. Dushingiye ku byo tuzi, iri ryari ijoro rya mbere araye imuhana, cyangwa hanze y'iwabo.

Nshuti yanjye, mbese uribuka ijoro rya mbere waraye hanze yo murugo? Umukozi w'Imana umwe avuga ko ijoro rya mbere yaraye hanze yo murugo; ari ijoro yaraye mu gace kitwa "Springer", muri Oklahoma. Aho hantu n'ubwo hari hatoya ariko hari imihanda yagutse. Uwo mukozi w'Imana avuga ko yahamenyeye inshuti nziza zari zituye mu nsi y'umuhanda. Uwo mukozi w'Imana avuga ko yatekerezaga ko hagati y'inzu yabagamo n'aho inshuti ze zari zituye

hari nk'intera y'ibirometero bitanu ariko yaje gutangazwa n'ukuntu nta na kirometero imwe irimo. Avuga rero ko yatangajwe n'uburyo aho hantu ari hafi. Uyu mukozi w'Imana akomeza avuga ko akiri muto yatekerezaga ko Springer ya Oklahoma ari ahantu hari ibintu bitandukanye biteye amatsiko. Icyo yibuka ni uko akiri umusore, izo nshuti ze zaramutumiye ngo arare iwabo. Bari bafite umusore benda kungana. Muri urwo rugo bari abantu bagera nko ku icyenda cyangwa icumi. Uyu muvugabutumwa avuga ko atazigera yibagirwa aho hantu. Bagezeyo barya ibiryo biryoshye by'umwimerere' biramunezeza cyane. Ikindi kandi avuga ko yashimishijwe n'imico yaho hantu muri Springer ya Oklahoma. Nyum yah avuga bakinnyee umukino wa kwihishana kugeza bwije. Ariko uyu mukozi w'Imana avuga ko buri mwanya yakubitaga ijisho hanze mu mwijima agahita akumbura iwabo. Maze umwe araza ababwira ko amasaha yo kuryama ageze. Nuko bazana ikirago mu cyumba cy'imbere, maze wa mukozi w'Imana yambara agashati ko kurarana yari yitwaje, hanyuma araryama. Nshuti yanjye ndakubwiza ukuri ko nta gihe nigeze kumva irungu no gukumbura cyane iwacu nk'igihe nari ndi I Springer ya Oklahoma.

Uyu muvugabutumwa avuga ko igihe yari I Springeer ya Oklahoma yakumbuye cyane I wabo kandi yumva rwose yifuza gusubirayo! Ubwo yaryamaga yakomeje kwihindukiza umwanya munini, ariko amaherezo agwa agacuho arasinzira. Uzi icyo yakoze akangutse kare kare mu gitongo? yakuyemo ishati yo kurarana ahita yambara imyenda ye, nuko ya shati yararanye arayifata maze arasohoka ariruka ajya murugo iwabo. Avuga ko yaruhutse agezeyo. Gusa akigera mu rugo yasanze nta n'umwe urabyuka ariko anezezwa no kuba ari murugo. Iryo ni ryo ryabaye ijoro rya mbere hanze yo murugo iwabo. Uyu muvugabutumwa avuga ko nyuma yagiye kurara ahandi kure yo murugo, ariko yemeza ko nta gihe y'igeze akumbura iwabo nko kuri iyo nshuro ya mbere ajya kurara I Springer ya Oklahoma.

Rimwe na rimwe mpora ntangazwa na Yakobo. Aha tubona yari amaze kuba umuntu ukuze, ariko ndatekereza ko yakumbuye murugo iwabo. Iyi ni inshuro ya mbere yari araye kure ya nyina Rebeka. Mu bwana bwa Yakobo yaranzwe no kuguma iruhande rwa nyina cyane; ariko ahangaha turabona ari kure y'iwabo, kandi iri ni ijoro rya mbere yari raye hanze y'iwabo.

Umva uko byagenze. Yaryamye hasi maze yisegura amabuye. Beteli ni ahantu humye, harangwa n'umusenyi n'ibibuye bishinyitse. Hitaruye inyanja nko muri metero igihumbi na magana abiri, hakaba harangwa kandi n'imisozi itari mike. Umukozi w'Imana Dr Mc Gee avuga ko igihe kimwe yanyuze hafi y i Beteli, ari muri bus itwara abagenzi. Abo bari kumwe bifuzaga kujya kureba n'ahandi hantu nyaburanga, ariko kubwe aho bifuzaga ntabwo hari hamunejeje nk' i Beteli. Mc Gee avuga ko bahazungurutse nk'igice cya kirometero maze bumva bashatse kuhatembera n'amaguru, ariko umushoferi ababwira ko umwanya bafite ari muto. Mc Gee avuga ko yashoboye kuhareba ari kure ariko ntiyabonye neza uko hateye. Nubwo biri uko aha hari ahantu hahambaye mu buzima bwa Yakobo mu buryo bw'umwuka. Aha rero niho hantu Yakobo yagiye, araryama maze arasinzira.

**Ararota, abona urwego rushinzwe hasi rukageza umutwe mu ijuru, abamarayika b' Imana baruzamukiraho.**

**Kandi uwiteka yari ahagaze hejuru yarwo, aramubwira ati "Ndi uwiteka Imana ya sogokuru Aburahamu, Imana ya Isaka, iki gihugu uryamyeho nzakiguha ubwawe n'urubyaro rwawe [Itangiriro28:12-13].**

Ni muri ako gace n'ubundi, Imana yiyerekeye Aburahamu ubwa mbere igihe yarageze ku butaka bwa Palestine.

**Urubyaro rwawe ruzahwana n'umukungugu wo hasi, uzakwira I burengerazuba n'Iburasirazuba n'ikasikazi n'ikusi, kandi muri wowe no mu rubyaro rwawe ni mo imiryango yose yo mu isi izaherwa umugisha [Itangiriro28:14].**

Turabona hano Imana iha umugihsa Yakobo usa neza neza n'umugisha yahaye Aburahamu ubwa mbere. Aya magambo kandi Imana yayabwiye Isaka. Hano rero iriho irayashimangira, iyabwira Yakobo ko nawe ariko izabimungenzereza.

**Dore ndi kumwe nawe, nzakurindira aho uzajya hose, kandi nzakugarura muri iki gihugu, kuko ntazagusiga ntarakora ibyo nkubwiye [Itangiriro28:15].**

Urabona ko ibi byagombaga guhumuriza uyu musore wari wigunze, afite urukumbuzi rwinshi. Uwo byabaye ngombwa ko ava murugo yihuta, akajya mu gihugu cya kure. Ubwa mbere na mbere Imana yaramubwiye iti:"Nzabana nawe Yakobo, kandi nzakugarukana muri iki gihugu".

Mu nzozi ze Imana yamweretse urwego ruzamuka rugera ku ijuru. Urwo rwego se rwaba rusobanura iki? Mu by'ukuri Umwami Yesu yarabisobanuye igihe yahamagaraga Natanayeli, nkuko byanditswe muri Yohana 1:45-51.

Wari uzi yuko Natanayeli yari umuhanga, kandi igihe yumvaga ibya Yesu, yaravuze ngo; "Hari ikintu cyiza cyakomoka i Nazareti?" Umwami wacu yasobanukiwe neza uyu muntu. Natanayeli yabajije Yesu ati; "Ese muri iyi si yose wowe unzi gute?" maze Yesu aramusubiza ati; "Mbere yuko Firipo aguhamagara uri munsi y'igiti cy'umutini, nakubonaga". Nta kindi Natanayeri yari gusubiza uretse kuvuga ngo; "Mwigisha, uri Umwana w'Imana; Uri umwami wa Isirayeli". Byari byoroshye kubimwumvisha, nubwo ubwa mbere yari afite gushidikanya. Reka mbikubwire neza uko byanditse:"Yesu aramusubiza ati; Mbese wijejwe n'uko nkubwiye yuko nakubonye uri munsi y'umutini? Uzabona ibiruta ibyo." Kandi arongera aramubwira ati" Ni ukuri, ni ukuri ndababwira yuko muzabona ijuru rikingutse, abamarayika b'Imana bazamuka bavuye ku Mwana w'umuntu, bakamumanukiraho (Yohana1:50-51).

Urwego ni iki? Urwo rwego ni Kristo. Abamarayika barazamukaga bakongera bakamanuka baciye ku mwana w'umuntu. Abamarayika baramukorera. Niwe ufite ububasha bwose. Natanayeli azumva ijwi ry'Imana rivugira hejuru kuri urwo rwego."Uyu ni Umwana wanjye nkunda nkamwishimira" Nshuti yanjye, Imana iri kuvugana n'abantu biciye muri Kristo uyu munsi. Ntidushobora guhita dushyikira data tutamuciyeho. Kuva kera ndetse na nubu, mpora numva abantu bavuga ngo; "Igihe nakizwaga nahise nshyikira Imana, mfite uburenganzira bwo

kuyishyikira". Ntabwo ari uko bimeze nshuti yanjye. Duca kuri Kristo, tubona uburenganzira kuri Data duciye kuri Yesu. Iyo ni yo nzira yonyine dushobora kunyuramo, tukagera mu bwiza bw'Imana. Umwami Yesu yaravuze ngo".....Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo: nta wujya kwa Data ntamujyanye (Yohana14:6). Umwami Yesu ubwe, ni We rwegowe nta wundi dushobora kuririraho atari Yesu twizeye.

Uku kuri kwahawe Yakobo ubwa mbere. Umwami wacu abwira Natanayeli ati"Uri umwisiraheli utariho uburyarya. Mu yandi magambo ntabwo yari ameze nka Yakobo. Natanayeli yari umuhanga, utera urwenya, ariko ntabwo yari indyarya nka Yakobo. Nyamara kandi hano turabona Imana igiye gukorana n’uyu mugabo witwa Yakobo. Imana yamuhaye isezerano ry'igitangaza, ariko kandi Yakobo yari agifite byinshi byo kwigira hano!

Ibyo se siko biri no kuri twebwe uyu munsi? Si igitangaza ko Imana igomba kutwigisha. Si igitangaza ko Imana igomba kudutoza ikinyabupfura. Umuntu wese usanga Imana imutoza ikinyabupfura. Yarabikoze kuri Aburahamu no kuri Isaka. Hano iriho irabikora kuri Yakobo. nubwo kugeza ubu tubona ibintu byose byasaga n’ibyagwiririye Yakobo wenyine. ijoro rimwe umukozi w’Imana yigeze kwakira urwandiko yandikiwe n'umuryango umwe wari wapfushije umwana w'imyaka ibiri. Uyu mukozi w’Imana avuga ko muri icyo gihe ibintu byose byasaga nibyagwiririye uyu muryango basenganaga. Abantu benshi usanga ari abanyetorero gusa, ariko batazi Imana ubwabo. Imana igomba kutuyungurura.Yemera ko ibigeragezo bituzaho kugira ngo idukosore idutoze ikinyabupfura. Iyo badukubitaga inkoni ku mugongo, byatumaga tugira umurava mu buzima. Ni cyo kimwe n’ibigeragezo kuko bidufasha duhagarara neza mu Mana.

Yakobo yari afite urugendo rurerure rwo kugenda. Reba hano icyo yakoze;

**Yakobo arakanguka aravuga ati "Ni ukuri Uwiteka ari aha hantu, nanjye nari ntabizi."**

**Aratinya aravuga ati "Erega aha hantu hateye ubwoba! Aha hantu ntakindi ni inzu y' Imana, aha niho rembo ry'ijuru."[Itangiriro28:16-17].**

Uyu ni umurongo wo muri Bibiliya abakozi b’Imana bamwe bakunda gukoresha kenshi mu gufungura ku mugaragaro urusengero rushyashya. Bavuga bati ; "Mbega ahantu h' igitangaza!" Ndatekereza ko aya magambo akora ku mitima ya benshi, cyane cyane abakkristo bo muri urwo rusengero rushyashya. Umukozi w’Imana uyoboye ibyo birori usanga avuga ati ; "Mbega ukuntu aha hantu ari igitangaza!"undi mwanya usigaye ugasanga yiyegereza abakristo bashya ngo abagire inshuti ababwira yuko aho hantu ari igitangaza cyane cyane ku muntu umeze nka Yakobo, w’umunyabyaha ugerageza guhunga Imana. Ahantu nk’aho ni ahantu umunyabyaha akwiriye guhurira n'Imana. bakabonana amaso ku maso n'Imana, binyuze ku rwego ruvuye mu ijuru ari rwo Kristo.

Igihe Yakobo yahungaga ava iwabo, yari kure y' amaso y'Imana. Yatekereje ko igihe yahungaga iwabo yahunze n’Imana. Ariko yavumbuye ko atasize Imana i muhira. Aravuga ati,"Ni ukuri Uwiteka ari aha hantu, nanjye nari ntabizi."

## YAKOBO AHIGA UMUHIGO

**Yakobo azinduka kare kare, yenda ibuye yiseguye, ararishinga ngo ribe inkingi, arisukaho amavuta ya elayo.**

**Aho hantu ahita Beteli, ariko mbere uwo mudugudu witwaga Luzi. [Itangiriro28:18-19]**

Urumva ko Yakobo yigiye byinshi aha hantu. Dore ikibyerekana.

**Yakobo ahiga umuhigo ati"Imana nibana nanjye, ikandindira muri uru rugendo ngenda, ikajya impa ibyo kurya n'ibyo kwambara,**

**Nkazagaruka kwa data amahoro, Uwiteka azaba Imana yanjye [Itangiriro28:20-21]**

Ari gukora iki? Arashaka kugendana n'Imana. Aravuga ati; "Mana nunkorera ibi....". Ariko Imana yari yaramaze kumubwira ko izomukorera ikintu cyose muri ibyo --"Nzakurinda; nzakugarukana muri iki gihugu; nzaguha iki gihugu, kandi nzaguha abazagukomokaho." Hanyuma arahindukira atangira gukirana n' Imana ati; "Nubikora, nanjye nzagukorera."

Imana ntikora ubucuruzi natwe muri ubwo buryo. Ntanubwo yakoranye ubucuruzi na Yakobo. Iyo biba ibyo, Yakobo ntiyari gushobora gusubira muri icyo gihugu. Imana yamugarukanye mu gihugu kubw'ubuntu bwayo n' imbabazi. Maze nyuma, Yakobo agaruka i Beteli, ari umunyabwenge kurushaho. Mbese uzi icyo yaragarutse kuhakora? Kuramya no guhimbaza Imana kubw'ubuntu bwayo. Imana yamugiriye ubuntu nshuti yanjye.

**N'iri buye nshinze nk'inkingi izaba inzu y'Imana, kandi mu byo uzajya umpa byose, sinzabura kuguha kimwe mu icumi."[Itangiriro28:22]**

Yakobo yashinze iri buye kugira ngo agirane isezerano n' Imana! Kandi benshi muri twebwe turi kugerageza kugirana isezerano hamwe n'Imana. Nshuti yanjye, Imana irashaka gusa kukubera umubyeyi biciye muri Kristo.

### GUSOZA

Abantu benshi no muri iki gihe bakunda kuvuga ngo bazakorera Imana nibakorera iki cyangwa kiriya. Ntukagire bene izo ndahiro nshuti yanjye. Imana ntikora ubucuruzi nkubwo. Izagura imbabazi zayo kuri wowe kandi izakubera inyabuntu nta kintu na kimwe igusabye kuyishyura. Ariko iravuga iti nuyikunda uzashaka no kuyikorera. ibyo bizaba ari ububata bw'urukundo. Ni nka rwa rukundo umubyeyi aba afitiye umwana we. Aba nk'imbata ye. Uko rero niko Imana ibigenza kuri njye nawe.

### Isengesho

*Ndagushimiye Mana ko uri Umubyeyi mwiza. Twarautaye wirukanka uza kudushaka. Hagati yacu na we hari umwobo muremure cyane ku buryo tutari kubasha kukugeraho, ariko uhashyira*

*urwego rurerure urwo nta rundi ni Yesu Kristo maze rutugeza imbere y'ubwiza bwawe ni hashimwe uje mu izina ry'Uwiteka, haeluya ni We Mwami izina rye ni Kristo. Amen*

*Dutangira batubwiye ko Rebeka na Isaka bohereje Yakobo kujya gushaka umugeni wo mu muryango w'iwabo. Ese uyu mugeni yarambonye? Ntuzacikwe n'ikiganiro kizakurikira, nzakubwira ibyakurikiyeho.*

*Amahoro n'umugisha biva ku Mana Data n'Umwana wayo Yesu Kristo n'Umwuka Wera bibane nawe!*